**REPUBULIKA Y'U RWANDA**

**URUKIKO RWISUMBUYE RWA**
**<u>GASABO</u>**

**ICYEMEZO GITEGEKA UWIHISHE CYANGWA UWATOROTSE UBUTABERA KWITABA URUKIKO RWISUMBUYE RWA GASABO.**

Umwaka wa 2022, umunsi wa 22, ukwezi kwa Gashyantare;

Twebwe KWIZERA Jocelyne, umucamanza mu Rukiko Rwisumbuye rwa Gasabo, dufashjwe n'umwanditsi warwo NYIRATUNGA Epiphanie;

Tumaze kubona ko Ubushinjacyaha ku Rwego Rwisumbuye rwa Gasabo bwaregeye Urukiko Rwisumbuye rwa Gasabo, uwitwa Muhamed UWIZEYE mwene Mugera na Mukanyarwaya, wavutse ku wa 01/01/1993, utuye mu Mudugudu w'Ururembo, Akagari ka Kibenga, Umurenge wa Ndera, Akarere ka Gasabo, Umujyi wa Kigali, ukurikiranwe nk'uwihishe ubutabera, ukurikiranyweho icyaha cyo Ubwambuzi bushukana n'ububeshyi n'icyo Gukora inyandiko itavugisha ukuri, icyaha giteganywa kandi kihanishwa n'ingingo ya 276 n'iya 174 z'itegeko N° 68/2018 ryo kuwa 30/08/2018 riteganya ibyaha n'ibihano;

Tumaze kubona ko ikirego cy'Ubushinjacyaha gifite numero 01081/IPRL GASA/2021/FM/JM kigeze mu Rukiko gihabwa nº RP00541/2021/TGI/GSBO ;

Tumaze kubona ko urubanza rwahawe itariki yo kuburanishwa yo ku wa 22/02/2021 saa mbiri za mu gitondo ariko **Muhamed UWIZEYE** uregwa ntiyitabe Urukiko kuko yarezwe nk'uwihishe ubutabera;

Dushingiye ku ngingo ya 160 y'Itegeko nº 027/2019 ryo ku wa 19/09/2019 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'inshinjabyaha iteganya uko uwihishe cyangwa uwatorotse ubutabera ahamagazwa, no ku ngingo ya 162 y'iryo tegeko iteganya uko acirwa urubanza iyo atitabye;

Dutegetse **Muhamed UWIZEYE** kwitaba Urukiko Rwisumbuye rwa Gasabo kuwa **<u>19/04/2022 saa mbiri za mugitondo (8h00)</u>**, kugira ngo aburane urubanza rwavuzwe aregwamo n'Ubushinjacyaha, natitaba hazemezwa ko yasuzuguye amategeko, acirwe urubanza adahari ;

Dutegetse ko iki cyemezo kimanikwa ahabigenewe ku Rukiko Rwisumbuye rwa Gasabo no gutangazwa mu kinyamakuru **Imvaho nshya**.

**NYIRATUNGA Epiphanie**
**UMWANDITSI**

**KWIZERA Jocelyne**
**UMUCAMANZA**